# RAFIKI Journal

Nº 40

Ugushyingo 2016

Yandikwa na Club Rafiki NGO



BP 952 Kigali / Telefoni : 0788 853 615-0738 853 615 / Email: clubrafiki@yahoo.com




*" Intebe TUZA ni gihamya ko urubyiruko twumva kandi tukumvira inama duhabwa n'abayobozi bacu."*


**Niyonkuru Nadjibu / urubyiruko wahibye intebe yise TUZA.** komeza kuri paji 4



*Ikoranabuhanga riraba rirenze ubwenge bwacu mu bihe biri imbere. Paji 3*




*Umunsi w'Imihanda izira ibinyabiziga bifite moteri (car free zone day) irakomeje Paji 7*




*Kigali Convetion Center, ikindi gitego dutsinze Paji 2*

# Kigali Convention Centre, Ikindi gitego abanyarwanda dutsinze



Convention Centre yacu mu Rwanda rwo hambere

Kigali Convention Centre (KCC) tugenekereje mu kinyarwanda ni ikigo cy'amasezerano cya Kigali, yafunguwe ku mugaragaro n'Umukuru w'Igihugu Nyakubahwa Paul kagame kuwa 8 Nyakanga 2016, hari mbere y'amasaha 48 gusa ngo iyi inyubako yakire inama y'umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe ya 27 yabereye i Kigali kuva 10-18 Nyakanga 2016.

**Iyi nyubako yatunguye benshi iteye ite?**

Iyi nyubako igaragaza amateka y'u Rwanda kuva aho winjirira mu muryango muto umeze nk'inzu za kera mu mateka, ndetse na bimwe mu biyubakishije byakorewe mu Rwanda.

Iyi nyubako yubatse mu birometero bitanu uvuye ku kibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kigali i Kanombe, iherereye mu Murenge wa Kimihurura ku buso bungana na hegitari 12,6.

Kigali Convention Center igizwe na Hotel y'inyenyeri eshanu ifite ibyumba 292, icyumba cy'inama cyakira abantu basaga 2500, ibiro byo gukoreramo n'ibindi.

Iyi nyubako agaciro ka miliyoni 300 z'amadolari abarirwa muri miliyari 223 z'amafaranga y'u Rwanda.

"Twageregeje kubaka iyi nyubako imyaka myinshi ishize, twaratsinzwe, bitari rimwe bitari kabiri, ndetse n'ubwa gatatu ariko kubwa kane turagerageza turatsinda, imitekerereze y'abanyarwanda isobanuye ko twatsinzwe kenshi ariko twatsinze inshuro nyinshi kuruta izo twatsinzwe."

**Nyakubahwa Paul Kagame afungura Kigali Convention Center**

**Inkuru dukesha : igihe.com n'umuseke.com**




Kigali Convention Centre mu 2016

## IJAMBO RY'IBANZE



# IBIRUHUKO BYIZA N'IMIGAMBI MISHYA




Ibiruhuko byiza

Rubyiruko wa mwanya w'ibiruhuko muba mutegereranyije amatsiko menshi uraje, mwivunika mutekereza ku bazabafasha kwishimira ibiruhoko byanyu, mugane ibigo by'urubyiruko bibegereje ndabizi barabiteguye bihagije nyuma y'imikino n'imyidagaduro mwari mumenyereye noneho hiyongereyeho n'itorero ryabagenewe ndetse azaba ari n'umwanya mwiza wo gusobanunkirwa gahunda zitandukanye igihugu giteganyirije urubyiruko, wari uziko n'ubwo ukuri umunyeshuli ushobora gutangira gutekereza no gushyira mu bikorwa umurimo ukubyarira inyungu ariko utakubangamira mu myigire yawe bityo ukazabona icyo uzaheraho witeza imbere nyuma yo kurangiza amashuli yawe.

Tekereza cyane igihe ni iki!? Inama nk'izo nazo uzazisanga mu bigo by'urubyiruko muri ibi bihe by'ibiruhuko.

Ibiruhuko byiza kuri mwese kandi mubareba kure

"EJO HEZA WIFUZA HARI MU BIGANGA NZA BYAWE."

**Ubwanditsi**

## UBUMENYI N'IKORANABUHANGA



# Ikoranabuhanga riraba rirenze ubwenge bwacu mu bihe biri imbere



Hashize imyaka itandatu abashakashatsi b'ikigo kabuhariwe mu ikorabuhanga cyo muri Leta zunze ubumwe z'Amerika cyitwa IBM batangiye gutangaza buri mwaka ibintu bitanu bishya bishobora guhindura ubuzima bw'abaturage mu mibereho yabo ya buri munsi. Muri uku kwezi batangaje ko muri iyi myaka itanu iri imbere tuzaba tumaze kugera ku rwego rwo kwibyaza amashanyarazi ubwacu.

Ikindi: tuzaba tudagikenera ya magambo y'ibanga ryacu bwite dukoresha iyo dushaka gusoma cyangwa kwandika amabaruwa ya e-mail. N'izindi mashini nyinshi zinyuranye zizaba zikoreshwa n'ubwonko bwacu tutiriwe tuzikoraho. Tuzajya dukoresha ibintu by'umwimerere buri muntu wese yihariye bita biometrics mu cyongereza, cyangwa igitekerezo cyonyine gusa. Indimi nazo ntizizongera kuba bariyeri: telephone zigendanwa zizajya zidusemurira ubwazo igihe turimo tuvugana n'uwo tudahuje urulimi.

Ibintu bishyashya mu ikoranabuhanga IBM (International Business Machines )yavuze byose ko bizabaho si ko byagenze. Ariko hari n'ibyabayeho koko. Igikuru, nk'uko IBM ibisobanura, ni uko bene ibyo bitekerezo bishya bikangurira abashakashatsi gukora uko bashoboye kose kugirango ibintu byinshi bishobora kutworohereza ubuzima bive mu nzozi bibe impamo mu buzima bwacu bwa buri munsi.

**Inkuru dukesha: ijwi ry'Amerika (Niyonzira Said)**

# KUBA URIHO NICYO GISHORO, RUBYIRUKO NITWE TUBWIRWA



*Niyonkuru Nadjibu yicaye mu ntebe yikoreye yise TUZA.*

Muri ibi bihe isi yirukanka mu buryo bugaragarira buri wese, u Rwanda narwo ntirwatanzwe ibyo nabyo buri wese ukurikiranira hafi igihugu cyacu yabibera umuhamya. Urubyiruko ni moteri y'iterambere iganisha ku iterambere rirambye igihugu cyacu gishyize imbere, akaba ariyo mpamvu ibikorwa byose urubyiruko rutekerezwaho kandi rugahabwa umwanya, iyo wegereye urubyiruko usanga ruvuga ko rushoboye gukora ariko ko ikibazo ari igishoro. icyo kibazo amatwi yacu acyakira mu buryo butandukanye ariko ntawabura no gushyingira kuri ya mvugo ya Jay Polly ngo KUBA URIHO NICYO GISHORO.

Kubera ko iki kibazo urubyiruko rugaragagaza buri munsi niyo mpamvu Minisiteri y'Urubyiruko n'ikoranabuhanga ku taliki ya 1-2 /11/2016 yateguye inama nyunguranabitekerezo yahuje abafite aho bahurira n'urubyiruko mu gihugu hose, muri iyi nama urubyiruko rwaratumikiwe bagera no ku kibazo cy'igishoro cyabafasha gushyira mu bikorwa imishinga yabo. Kuri iki kibazo cyafashe umwanya utari muto muri iyi nama cyanzuweho urubyiruko rugirwa inama zitandukanye nakubira mu nzira ebyili :

urubyiruko rubarirwa mu bushomeri ruragirwa inama yo kureba uko rwakwihangira imirimo ariko kandi ruhereye kuri bike bibegereye batekereza kugera kure hashoboka, kuko byamaze kugaragara ko urubyiruko rurangije amashuli ruhugira mu gushaka akazi bakibagirwa ko no kwihangira imirimo ari inzira ari igisubizo ku bushomeli.

Nyuma y'izi nama twari dukuye muri iyo nama twegereye urubyiruko turaganira, uyu ni "*Emmanuel yagize ati nshimishijwe n'izi nama ndetse hari na byinshi urubyiruko tumaze kugezwaho byose byadufasha kuba urubyiruko rwifuzwa n'igihugu ariko dukeneye kurushaho kwegerwa ndetse no gushyigikirwa bityo iterambere ry'u Rwanda tukarikomerezaho*"

nyuma y'igitekerezo cya Emmanuel twafashe urugendo rutari ruto tujya kureba umwe mu rubyiruko watumenera ibanga ry'uko yitej imbere, uyu ni Nadjibu ni umujene w'imyaka 25 atuye mu murenge wa Rwezamenyo, yabashije kwiteza imbere abinyujje mu mwuga wo guhanga udushya no gukora imitako mberajisho, yatubwiye ko yahereye ku mafaranga make cyane yahawe na mama we, akora imitako idasanzwe ku isoko akoresheje amarangi n'ibindi bitamusaba amafaranga menshi, ibi rero byatumye atekereza ku gukora intebe yise TUZA zikoze mu mapine, akaba akeneye ko yashyigikirwa cyane mu guteza imbere iki gihangano cye.

Dusoza twababwira ko muri iyi namana twagize amahirwe yo gusurwa na minisitiri w'urubyiruko n'ikoranabunga Nyakubahwa Jean Philbert Nsengimana, yagize ati :

*"Dufite icyo urubyiruko rukeneye, twongere imbaraga mu kubaba hafi no kubaherekeza ndetse no kubafasha gushyira mu bikorwa ibitekerezo by'imishinga yabo ndetse n'urubyiruko rwamaze gukora ibikorwa by'indashyikirwa ntitubareke tubashyigikire bityo bahe bagenzi babo benshi akazi, nitugera aho tuzaba tugeze ku rwego rwiza mu kurwanya ubushomeri n'ubukene mu rubyiruko"*

Rubyiruko izi nama twaziheraho duhindura imyimvire bityo tukajyana n'abandi mu itermbere.

**Inkuru ya Omar Tony**



TUZA intebe zakataraboneka zakorewe iwacu.

# INGANZO N'ABAHANZI



## Rubyiruko dutinyuke umurimo



*Imirimo nk'iyi nawe wayishobora*

Nkuko twabikomojeho mu nyandiko zabanje ikinyamakuru cyanyu cyegereye Umujene Niyonkuru Nadjibu, atuganiriza uko yiteje imbere kugeza ubwo akoze intebe yise TUZA, mu kiganiro kirekire twagiranye hari ubutumwa yageneye urubyiruko bagenzi be :

- Ndibuka nkirangiza amashuli yisumbuye nibwiraga ko isoko ry'umurimo rintegereje, ariko siko nabisanze nagize amahirwe mbibona kare nyoboka kwihangira umurimo.
- Turi urubyiruko dutegerejweho byinshi niyo mpamvu tugomba kumenya neza ko umurimo ariyo soko yo kutugeza kubyo twifuza byose.
- Dukeneye kwambara neza n'ibindi byiza urubyiruko twifuza, ababyeyi bacu ni abajyanama bacu sibo bazatumenya kuri byose.
- Njye numva igihugu cyacu kidukunda kuba gihora gikora ibishoboka byose ngo urubyiruko dutere imbere, Urubyiruko dukwiye guha agaciro ibyo dukorerwa.
- Yashoje atumbwira ati "KUBA UMUKIRE NIZO NDOTO ZANJYE."

**Inkuru ya Omar Tony**




*Nadjibu ashyize imbere umurimo*

# EJO HACU



## Ese ngeze igihe cy'irambagiza?



Ukunze gusohokana n'umuntu mudahuje igitsina. Ese ubwo murarambagizanya?

Hari umuntu mudahuje igitsina wumva ukunze kandi na we ari uko. Mwohererezanya ubutumwa bugufi incuro nyinshi ku munsi cyangwa mukavugana kuri telefoni. Ese icyo gihe muba murambagizanya?

Buri gihe iyo uri kumwe n'incuti zawe, hari umuntu mudahuje igitsina muhita mwicarana. Ese ubwo murarambagizanya?

Kurambagiza byagombye kuba bifite intego nziza bigamije. Byagombye gufasha umusore n'umukobwa kureba niba bashobora kuzabana.

Icyakora, hari abo mu rungano rwawe bashobora kudaha agaciro ibyo kurambagiza. Bashobora gushimishwa no kugirana ubucuti n'umuntu badahuje igitsina, ariko nta ntego bafite yo gushakana na we. Hari n'abashobora kugira incuti nk'iyo bagamije gusa kugaragaza ko hari icyo bagezeho, cyangwa bakumva ko iyo ncuti yabo ari nk'ikintu bakwiratana mu bandi kugira ngo bakunde bemerwe.

Icyakora, akenshi ubucuti nk'ubwo budafite ikintu gifatika bushingiyeho ntiburamba. Umukobwa witwa Heather yaravuze ati "abenshi mu bakiri bato bagirana ubucuti, bashwana hataranashira icyumweru kimwe cyangwa bibiri. Ibyo bituma bumva ko ubucuti ugiranye n'uwo mudahuje igitsina butagomba kuramba. Ibyo rero bibategurira kuzatana, aho kubategurira kuzagira urugo rwiza."

Rubyiruko rero mugire urukundo rufite intego kandi murinde imibiri yanyu.

***Inkuru twabateguriye twifashishije urubuga www.jw.org : Nkundabose Emmanuel***

# ESE NIBYO ?



## Ese nibyo koko agakingirizo ni ingabo y'ubuzima?




Abantu benshi bumva agakingirizo n'ijambo ryoroshye kuvuga ariko buriya wasanga akamaro kako ari rutura nawe umva uko abantu batandukanye bakavuga imyato :

Wari uziko "Kugeza ubu agakingirizo ni bwo buryo bwonyine bwizewe kugera kuri 99% mu kwirinda inda zitateganyijwe n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina.

Nyamara bigaragara ko abagabo bagakoresha ari 5%, bigatuma abantu miliyoni 2,5 bandura SIDA ku Isi buri mwaka."


Umwe mu rubyiruko ati *"Njye mbona tudakwiye kugira isoni zo kugura agakingirizo, kuko niba umuntu ananiwe kwifata ntiyanananirwa kurinda ubuzima bwe."*

Ese koko hari abantu batarabona agakingirizo, nkuko uyu yabitubwiye ubwo twari mu gikorwa cy'ubukangurambaga : *"Ibi bintu ni byiza pe, biradufasha nkanjye ubu ni ubwa mbere mbonye agakingirizo gafunguye, ntabwo nari nkazi, mboneza urubyaro nkoresheje imiti nywa, ariko ubu ndashaka gusaba umugabo wanjye tukajya dukoresha agakingirizo.Ibi ni byiza kuko bimfashije kukabona, no kumva ko kugakoresha nta soni biteye."*

Uyu mucuruzi ati: "*Hari amaduka acuruza udukingirizo, ariko iyo ubwiye banyirayo ngo ubashyirireho icyapa barahakana, bakavuga ko abakiliya babo babazi neza, atari ngombwa gushyiraho icyapa."*

RBC ivuga ko u Rwanda ruri mu nzira nziza ku ntego Isi yihaye ku bijyanye no kurwanya SIDA " Global Targets 90-90-90 " isaba ibihugu ko 90% by'abanduye SIDA bagomba kuba babizi, 90% bakaba bari ku miti kandi 90% bafite virusi nke mu maraso.

Kuri ubu mu Rwanda 82% by'abantu banduye SIDA barabizi, 85% bafata imiti igabanya ubukana bwayo, kandi 82% bafata imiti virusi ku buryo yagabanutse cyane mu maraso yabo.



**Inkuru ya Niyonzima Said**

# IJAMBO RY'UBWENGE



## Ghandi yavutse ku itariki ya 2 Ukwakira 1869 , apfa ku ya 30 Mutarama 1948.

Aya ni amwe mu magambo 10 yuje ubwenge yavuzwe nawe :

1. Ijisho riramutse rihorewe irindi jisho, byarangira abatuye isi bose ari impumyi.
2. Umunyantege nkeya ntashobora kubabarira, imbabazi ni umwihariko w' abanyembaraga.
3. Kunanirwa kwihangana ni ko gutsindwa intambara.
4. Gukorana ubucuruzi ubunyangamugayo biragoye ariko birashoboka.
5. Imana ntigira idini.
6. Jya ubaho nk'uzapfa ejo, gusa wige nk'uzabaho iteka ryose.
7. Icyo utekereza ni cyo uba.
8. Niteguye gupfa ariko nta mpamvu yatuma nitegura kwica.
9. Ushobora kutamenya umusaruro uzava mu byo ukora, ariko nutagira icyo ukora, nta musaruro uzigera ubona.
10. Ejo hazaza hashingira ku cyo ukora none.

**Mwabiteguriwe na Rudahunga Nzitunga Desire**

# HIRYA NO HINO



## "Ni ryari bavuga ko umuntu yatarampinze?" ?

Iyi nsigamigani yadutse ku italiki ya 9 Ugushyingo 2016, nyuma yo gutangaza ibyavuye mu matoro yo muri leta zunze ubumwe z'Amerika, ubwo umugabo Trump yatsindaga amatora muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika nyamara yari yaraharabitswe, akarwanywa n'ibihangange byo muri icyo gihugu bitaretse n'abo mu ishyaka rye. Kuva ubwo kugeza magingo aya umuntu wibasiwe n'abandi agakomeza agahatana kugeza ku munota wa nyuma akabarahirira iyo binikaga bavuga ko "**YATARAMPINZE**". Inkuru dukesha imbuga nkoranyambaga.

***Manu Nkundabose***



Donald Trump

# IMIKINO



## Umunsi w'Imihanda izira ibinyabiziga bifite moteri (car free zone day) irakomeje



*Siporo kuri bose isoko y'ubuzima bwiza kuri bose*

Mu mujyi wa Kigali hamaze iminsi hatangijwe gahunda yiswe umunsi w'Imihanda izira ibinyabiziga bifite moteri (car free zone) abatuye umujyi wa Kigali n'inkengero zawo bashyiriweho uwo munsi hagamijwe guha agaciro umuco wo gukora siporo, kuri uwo munsi urubyiruko abana urubyiruko n'abakuze bahurira mu mpande zitandukanye bagakora siporo yo kwiruka berekeza ku biro by'ikigo cy'igihugu cy'imisoro n'amahoro (Rwanda Revenue Authority) aho basanga inzobere mu myitozo ngororamubiri maze siporo igahabwa intebe ndetse na benshi bakayinjiza mu mico yabo. Twababwira ko iyi gahunda iba ku cyumweru cya mbere cy'ukwezi kuri ubu ikaba ihuza imbaga y'abatuye umujyi maze uwo muco mwiza ukarushaho guhuza benshi, bamwe mu bayitabiriye bemeza ko ari igitego kindi u Rwanda rukomeje gutsinda amahanga, rubyiruko mwese ntimugatangwe n'iyi gahunda y'ingirakamaro cyane ku Rubyiruko.

**Steve S.**

# DUSEKE

Sarigoma n'umugore we bari bagurishije ikawa, ni uko abajura barabatera nijoro bati "nimuduhe ayo mufite yose cyangwa tubatere amaraso arimo SIDA".

Sarigoma ati "nimumpe iminota ibiri njye hanze mbitekerezeho". Ni uko yikoza hanze, agarutse arababwira ati "nimuntere ayo maraso nta mafaranga mwabona." Barayamutera barigendera. Umugore asigara arira amubaza impamvu atabahaye amafaranga akemera ko bamutera amaraso arimo SIDA, Sarigoma ati "humura nari nambaye agakingirizo, SIDA ntiyamfata muganga yanyibwiriye ko ukambaye ntaho yamenera."



Umwana yatse ise amafaranga yo gusukisha umusatsi ise aramwogoshesha umwana abibwira nyina, nyina nawe ati mwana wange wagize amahirwe iyo umwaka cologatte aba yagukuye amenyo.

**Mwayiteguriwe na Djibril**

# Ntacyo bimaze ni IBITURANGAZA



